URUZINDUKO RWA NYIRICYUBAHIRO MUSENYERI Anaclet MWUMVANEZA UMUSHUMBA WA DIYOSEZI GATOLIKA YA NYUNDO KU KIRWA CY'IWAWA

Tariki 07/08/2017 saa 9h45 nibwo Nyiricyubahiro Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA Umwepiskopi wa Diyosezi ya NYUNDO, aherekejwe n'Abapadiri 6 aribo: Padri Gilbert NTIRANDEKURA, Padri Modeste MURAGIJIMANA, Padri Jean Paul HAGUMINEZA, Padri Evariste UWINTWARI, Padri Jean de la Croix NIZEYIMANA, Padri Jean Marie KWIZERA bahagurutse ku mwaro wa Gisenyi berekeza ku kirwa cya iwawa.

Aha ni ku Kiyaga cya Kivu mbere yo kwambuka

Twari kumwe kandi na NICOLAS Umuhuzabikorwa w'ikirwa cya iwawa, wari waje ku twakira no kutuyobora. Ikirwa cya iwawa ni ahantu Leta y'URWANDA yageneye ko higishirizwa abana b'inzererezi, abirogesha ibiyobyabwenge b'ingeri zinyuranye,ubu hakaba hari abagera kuri 3975.



Mu kuhagera twakiriwe n'umuyobozi w'ingabo z'Urwanda zicunga umutekano ku kirwa, n'abandi barezi bafatanya n'abo kurera abo bana. Umuhuzabikorwa w'ikirwa cya iwawa yatangiye asobanurira Nyiricyubahiro Musenyeri n'abo bari kumwe, imirimo inyuranye ikorerwa aho. Nuko hataho gusura ahantu n'ibikorwa binyuranye byigishwa cyangwa bikorwa n'abo bana.

Nyiricyubahiro Musenyeri yakiriwe n’urunyurane rw’imikino abo bana bakora: itorero ribyina, abasore baterura ibyuma biremereye, umukino w’itera makofe, karate, umwiyereko w’abatwara ibinyabiziga nka Moto n’ibindi byiza batozwa gukora bibavana mu ngeso mbi bikazatuma bahesha agaciro igihugu cyacu n’imiryango yabo.

Nyiricyubahiro Musenyeri n’abo bari kumwe yasuye aho abo basore bigira umwuga w’ubwubatsi n’imashini biga gukoresha, yasuye ikigo nderabuzima

kibitaho,asura aho bigira umwuga w’ubudozi bw’imyenda inyuranye, asura aho bigira gusoma no kwandika, asura n’aho barara.

Nyuma yo gusura aho hose hanyuranye, Nyiricyubahiro Musenyeri yakomeje ajya aho bose bari bateraniye abaha ikiganiro. Mu ijambo rye yahereye ku ntero yabo ubwabo bavuga igiri iti: Uwari Sawuli yabaye Pawulo; uwabaye Pawulo azahora ari Pawulo.

Mu byukuri iyi ntero yabo igamije guhinduka bava mubyo barimo bagana mu cyerekezo cy’iterambere rijyanye nagahunda z’igihugu zishingiye ku ndangagaciro za Gikristu nk’ihinduka rya Pawul Mutagatifu. Nyiricyubahiro yatangiye abasobanurira Ihinduka rya Pawulo nimpamvu Pawulo wahindutse azahora ari Pawulo. Mu ijambo rye kandi Nyiricyubahiro Musenyeri yababwiye ko kuba baragiye mu biyobyabwenge nuko bari abanebwe. Bityo aboneraho kubabwira ko bakwiye gukura amaboko mu mufuka bagakora ntabunebwe bagamije iterambere ryabo ubwabo n’iry’imiryango yabo.

Muri uko kubaganiriza yanasanze hari abo yahuye nabo mu BADACOGORA (ikigo cyita kubana b'inzererezi,n'abatagira ababitaho ku mpamvu zinyuranye) i Kigali. Dore ko nubundi mbere yuko aba Umwepisikopi wa Diyosezi ya Nyundo yari umuyobozi wa Caritas mu Rwanda. Aboneraho kubabwira ko ku bwirwa ntibumve aricyo cyatumye bagaruka mu kigo ngorora muco. Aboneraho ku bwira abandi ko mu gihe barangije amahugurwa bahabwa ku iwawa badakwiye gusubira aho bahoze. Ahubwo ko bakwiye kuba abahamya ko ibiyobyabwenge byica bakaba bashishikariza n'abandi kutabijyamo.

Nyuma y'ikiganiro yagiranye nabo bose, hakurikiyeho Igitambo cya Misa cyatuwe na Nyiricyubahiro Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA.

Mu kigo kirimo abasore basaga 3975, abasaga 1500 ni aba katolike. Muribo, mu Gitambo cy'Ukaristiya:

-57 bahahwe Isakramentu rya Batisimu,
-48 Bahawe isakramentu ry'Ugukomezwa,
-7 Bahawe Isakramentu ry'Ukaristiya,
-14 Abagarukiramana barakiriwe,
-7Abasukuti basezeranye.

Mu byukuri urebye abo basore, burya koko umwana w’ikirara si uwo kujugunywa ahubwo ni uwo kwitabwaho akerekwa urukundo. Mbere yo gusoza igitambo cy’Ukaristiya, Umuhuzabikorwa w’ikirwa cya iwawa yashimiye Nyiricyubahiro Musenyeri. Ku bufatanye mu burezi bwabo bana, ku mpanuro

nziza yabahaye. Dore ko burya Umuntu ashobora kuguha inama nziza ikaguteza imbere kurusha uwaguha amafaranga menshi atagira inama nziza. Yashimiye Musenyeri amubwira ko ariwe wambere nk'Umwepisikopi ugeze ku kirwa cya iwawa. Asoza ijambo rye yanamusabye kuzagaruka.

Mu ijambo asoza Igitambo cya Missa Nyiricyubahiro Musenyeri yashimiye Leta y'Urwanda yita kubana bayo igasigasira imbaraga zejo hazaza heza higihugu cyacu. Yashimiye Padiri Gilbert NTIRANDEKURA wari Padiri Mukuru wa Paruwasi Crete Congo Nile; aboneraho no kwerekana Padiri mushya wa Paruwasi Crete Congo Nile Padri Modeste MURAGIJIMANA. Ashimira n'abandi bapadri bose bari kumwe nawe.

Twakwibukiranya ko ikirwa cya iwawa kibarirwa muri Paruwasi ya Crete Congo Nile. Ubutumwa bwaho bukaba bwaratangiye tariki 09/03/2014. Bikaba

byari byaremejwe n’inama y’abapadiri bakikije Umwepiskopi yo ku wa 01/10/2013.

Abahereza bari imbere y’Umwepiskopi n’Abasaseridoti

Padiri Jean Marie KWIZERA